

Iyi baruwa niyo kumenyesha imiryango isanzwe ifite:

- Abana bahawe SNAP food (Ikarita yoguhaha ibyo kurya) mu kwezi kwa gatatu 2020
- Abana bahawe uburenganzira bwo guhabwa k'ubuntu cg bagabanirijwe igiciro kubyo kurya mu gihembwe cy'umwaka w'amashuri 2019-2020 muri Texas.
- Abana biga mu bigo by'amashuri bitanga ibyo kurya ku buntu kubanyeshuli bose

Niba byibuze utujuje na kimwe muri ibi bivuzwe haruguru ntabwo wemerewe no kubona ibi tumaze kuvuga haruguru.

Nshuti babyeyi namwe barezi,

Tuzi neza ibihe bikomeye muri gucamo, none twifuzaga kumenya niba abagize umuryango wanyu bashobora kubona ku inkunga yiswe (Pandemic Electronic Benefits Transfer P-EBT) ni inkunga y'ingoboka izatangwa kubera iki cyorezo. Izagufasha kuba wagura ibyo kurya ku masoko yose yemera ikarita isanzwe y'ibyokurya twita Texas Lone Star Card cg iyi twita (Fudu sitempu.)

P-EBT n'inkunga itangwa rimwe gusa ihera kuva ku amadorari \$285 kuzamura, iyo nkunga ishikirwa ku ikarita yawe y'ibyo kurya cg Fudu sitempu (EBT) kugirango ifashe imiryango muri ibi bihe bigoye abanyeshuli batarimo kwiga.

Abana bafite imyaka 21 y'amavuko kuzamura bahawe uburenganzira kw'igabanyirizwa ry'igiciro ku byo kurya cg bahabwa ibyo kurya ku buntu ku ishuli aho biga muri leta ya Texas mu gihembwe cy'umwaka w'amashuri 2019-2020 ndetse n'abanyeshuli bose bahabwa ibyo kurya kw'ishuli ku buntu. Aba bose bafite uburenganzira kuri iyi nkunga.

Imiryango yahawe Fudu cg amafaranga ku ikarita yabo y'ibyo kurya mu kwezi kwa gatatu 2020 ikaba inafite abana bari hagati y'imyaka 5-18 y'amavuko guhera tariki 17/05/2020, ntabwo ari ngombwa kongera gusabira abo bana. Iyi miryango izahabwa P-EBT Cg ya nkunga twavuze ruguru y'ingoboka kubera ikicyorezo, bazayihabwa inyujijwe kwikarita yabo isanzwe y'ibyo kurya guhera tariki 22/05/2020. Ntakindi usabwa gukora.

Imiryango ifite abana bafite imyaka 21 kuzamura bahawe uburenganzira kwigabanyirizwa ry'igiciro cg babona ibyo kurya k'ubuntu ku ishuli aho biga muri leta ya Texas mu gihembwe cy'umwaka w'amashuri 2019-2020, bo basabwa gusaba iyi nkunga ya P-EBT. Aha hakubiyemo n'imiryango yakiriye inkunga y'ibyo kurya SNAP mu kwezi kwa gatatu kwa 2020, kandi banafite abana bari muni y'imyaka 5 na hagati y'imyaka 19 na 21. Iyi imiryango isabwa gusaba iyi nkunga ya P-EBT ikoresheje uburyo bwa murandasi cg kuri Interineta muyandi magambo.

Imiryango yemerewe iyinkunga izakira ubutumwa bwa email ivuye ku kigo cy'amashuri, ifite aho ukanda cg Link ya P-EBT (aho uzuzuriza ubusabe) iyi email izaza mu cyumweru cya mbere cy'ukwezi kwa gatandatu. Bisabwa ko ugomba kuba wujuje ibisabwa kuri ubwo busabe (application) bitarenze tariki 30/6/2020. Nibamara kwemera ubusabe bwawe ikarita yawe ya P-EBT izoherezwa iwawe.

Nyabuna reba neza ku mpapuro bazakohereza kugirango urebereho uburyo wasaba iyi nkunga ya P-EBT unarebe ibyo usabwa kugirango ubashe kuzuza neza ubwo busabe.

Uzaba ufite umwaka wo gukoresha iyo karita ya P-EBT y'ibyo kurya uhereye igihe izaba yatangiweho. Iyinkunga ya P-EBT ntabwo wayiha undi muntu.

Turizera neza ko iyi nkunga izabafasha. Ku bindi bisobanura ushobora gusura urubuga rwa www.hhs.texas.gov/PEBT . Ikigo gishinzwe iyi gahunda ya P-EBT kizaba cyiteguye mu gihe ubusabe buzaba bwatangiye. Numero wakoresha izaba iri mubisabwa tuzakoherereza kuri ya link y'ubusabe.